Ikinyarwanda I

009

21/11/2017 02.00 PM – 05.00 PM

REB
Rwanda Education Board

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2017

**IKIZAMINI: IKINYARWANDA I**

**IGIHE KIMARA: AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA:**

1) Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubyandika ku mpapuro z'inyongera wahabwa bibaye ngombwa.
2) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
   - **Igice cya mbere**: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 32)**
   - **Igice cya kabiri**: Ikibonezamvugo **(amanota 45)**
   - **Igice cya gatatu**: Imyandikire n'ubumenyi by'ururimi **(amanota 8)**
   - **Igice cya kane**: Ihangamwandiko **(amanota 15)**
4) Subiriza mu ikayi yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye; usubize muri make utarondogoye.
6) Irinde gusiribanga no guhindagura ibisubizo.
7) Andikisha ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara**.

Bushungwe yari atuye i Kageyo, akaba umukungu w'imyaka n'amatungo, adendeje mu bana benshi n'umuryango mugari. Muri uwo mudendezo we rero, akajya yitegereza amakoro acicikana ava iwabo ajya ibwami kwa nyina wa Rwogera; dore ko Rwogera yari akiri muto, ubutegetsi bugifitwe na nyina mu kimbo cye. Bushungwe rero yabona ayo makoro agenda, bikamubabaza. Bukeye bikomeje kumutera umujinya, abwira bene wabo ati: « Ariko ibintu byacu mubona bijya ibwami ubutitsa, mwebwe ntibibababaza? » Ati: « Kuva ubu, ndasaba ko mucukira aho ntimuzongere kugira andi makoro mwohereza ibwami ».

Bene wabo baramushwishuriza, bati: «Reka da! Ntiwashobora kwimana amakoro y'ibwami, ejo batazatwita abagome tukava aho tuzira akanwa!» Bushungwe abonye abenshi banze kumva imigambi ye, akoranya abana be n'abavandimwe bahuje igitekerezo ati: «Dore inama nagiriye bene wacu yo kudatura wa mugore Nyiramavugo batinye kuyemera; none mwebwe ndabizeye, nimubona abikoreye amakoro bayajyana ibwami mujye muyabambura muyanzanire!» Ati: "Mbese ibwami mwumva si amaboko hari ikindi baturusha; ese urya mugore aturusha amaboko ki?» Ubwo yavugaga Nyiramavugo Nyiramongi nyina wa Rwogera.

Nuko Bushungwe n'abo bahuje umugambi, bahera ubwo bakajya batangira amakoro yo mu Kingogo bakayabuza kujya ibwami. Inkuru irashyira igerayo, bati: «Bushungwe yarigometse, yazitiye amakoro y'ibwami arayikubira.» Bene wabo badahuje umugambi babyumvise, barikengera, barahaguruka basanga Nyiramavugo, bajya kumwishinganaho, bavuga ko ibyo Bushungwe akora batabifatanyije kandi banamuhannye akabananira. Ubwo bagendaga bitwaje inkoni gusa kuko inkoni yonyine muri icyo gihe ariyo yabaga «mpakanye ubugome.»

Nyiramavugo amaze kubona bene wabo wa Bushungwe no kumva ubwishingane bwabo, arabashima asigara arakariye Bushungwe n'urubyaro rwe, ategeka abatware kugera ingabo zo kumutera, kandi abivuga bene wabo wa Bushungwe bakiri aho. Bamaze kumva iteka riciwe ry'uko mwene wabo atanzwe, barasezera barataha. Bageze i Kingogo bajya kuburira umuvandimwe

wabo; bati: «Urahejeje, ibitero byo kukurimbura biraduherekeje.» Bushungwe akoranya abagore n'abana ati: «Numvise ko Nyiramavugo yadutanze, ariko muhumure nta cyo azadutwara; icyakora nimupfe guhunga, muhungishe n'inka n'ibyangushye, ge 'ndaguma iwange simuhunga kuko umwami w'umugore nta cyo yantwara!»

Baka Bushungwe baremera, bahungana n'abana n'amatungo, hasigara rubanda rukuru rwiyemeje kumurwanirira. Ako kanya iz'ibwami ziba zisesekaye i Kageyo, zanzikana n'iza Bushungwe, ruremveka bishyira kera. Bushungwe amaze gusumbirizwa, bamufata mpiri baramushorera bamujyana ibwami; ntibamugirira nabi, kuko uwafatwaga mpiri yabaga atakiciwe aho; uwarengaga akamwica yabaga akoze icyaha kititwarirwa.

Nuko Bushungwe baramushorera, bigiye imbere bahura n'umugabo wigendera, Bushungwe ati: «Ndabasaba kwibwirira ijambo rimwe uriya mugabo duhuye!» Abandi baramwemerera kuko uwabaga yafashwe mpiri yagiraga uburenganzira bwo kuvuga no gusaba icyo ashatse. Arembuza uwo mugabo bigira hirya; aramutuma ati: «Genda ubwire abagore bange n'abana uti: muramenye ntimwiyahure, kandi ntimumwangirize ibintu azagaruka; ntabwo umwami w'umugore azagira icyo amutwara.»

Baramushorera no kwa Rwogera na Nyina bati: «Nguyu Bushungwe turamuzanye.» Nyiramavugo amukubise amaso, aho kugira icyo amubaza atera hejuru; ati: «Uno muburagasani nta bugome yashigaje; n'ishusho ye ni ubugome!» (ngo kuko yari mubi ku buranga). Bushungwe abyumvise atyo, aba abonye urwaho rwo kumushuka.

Atera hejuru ati: «Nyagasani hari icyo ngusaba!» Nyiramavugo ati: «Ngaho kinsabe!" Bushungwe ati: « Ngira ngo nkumenyeshe ko nta bukire undusha uretse izina ngo uri umwami, naho ubundi uzabaze, nari nsanganywe ibintu byinshi, none nakubitiyeho no kukwambura amakoro, ureba se ko hari icyo undusha!» Akirekanya ayo magambo, abari aho bose baraseka; babwira Nyiramavugo bati: «Icyakora ntakubeshya, umuntu wari ufite ibye, none akaba yarakubitiyeho n'iby'ibwami koko ntakurusha ibintu?» Noneho Bushungwe arushaho kubona inkunga yo gukomeza kumushuka; ati: «Nyagasani ohereza

abantu bawe vuba bajye guhagarara ku rugo rwange, hato rubanda batakwangiriza ibintu kandi byari kuzakugirira akamaro», ati: «Kandi n'ibyange byose mbiguhayeho impongano yo kugira ngo mutanca amatwi.» Nyiramavugo ati: «Nguciye amatwi byamera bite?» Bushungwe ati: « Nasubira i Kingogo nciye amatwi, abagore bange n'abana banseka, inka zange zigahunga kandi ngatakaza agaciro mu Kingogo nabayemo igihangange!» Arakomeza ati: «Nyagasani ndabigusabye, ahubwo ntanga nife, hato hatagira abanzi bansaba ngo ncibwe amatwi!»

Nuko biba nk'uruhubiko, Nyiramavugo ntiyamenya ko ari ibishuko; ahubwo abyemera nk'ukuri, aho kumutanga ngo apfe, ahubwo ategeka ko bamuca amatwi bakamurekura agasubira mu Kingogo, aho abagore n'abana bazajya bamukwena bakamugira ikinnyogorero. Bushungwe yirya icyara aho aboheye arishima kuko agiye gukira. Bamuca amatwi yombi, baramubohora baramureka asubira i Kageyo. Ageze yo asanganirwa n'impundu. Na we Nyiramavugo asigaye yishima amishuke ngo yamuhaye igihano gikomeye; ntiyibuke ko nubwo gucibwa amatwi ari ubusembwa, ariko atari ukwamburwa ubuzima. Kuva ubwo rero babona umuntu wananiranye, bagoragoza ntashoboke, bamutega imitego akayigobotora, bakabura uko bamugira bagatererayo utwatsi, bakagira bati: « Nimumureke yigize kabushungwe » (aka Bushungwe)

–Kwigira kabushungwe = kunanirana.

## IGICE CYA MBERE (AMANOTA 32)

### A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 13)

1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Sobanura. **(amanota 2)**
2) Ni irihe zina ry'ubutegetsi bahaga nyina w'umwami? **(inota 1)**
3) Ni irihe zina ry'ubwami rya Rwogera? **(inota 1)**
4) Ni iki bene wabo wa Bushungwe bakoze cyo kugaragaza ko badahuje umugambi na we? **(inota 1)**
5) Ni iyihe mpamvu y'ingenzi yatumye Bushungwe yiyemeza gutangira amakoro y'ibwami? Ayo makoro yamaraga iki? **(amanota 2)**
6) Ayo makoro yatangwaga na nde? Muri iki gihe ayo makoro yagereranywa n'iki? Vuga ibintu bibiri (2) byashoboraga kuba bigize ayo makoro. **(amanota 3)**
7) Kuki Bushungwe ingabo z'ibwami zitahise zimwica amaze gufatwa mpiri? **(inota 1)**
8) Kuki Bushungwe yasanganijwe impundu avuye ibwami? Ubusanzwe mu Kinyarwanda impundu zivuzwa ryari? **(amanota 2)**

### B. INYUNGURAMAGAMBO

9) **Garagaza mu mwandiko amagambo cyangwa interuro bisobanura:** **(amanota 12)**

(a) Kunyuranyuranamo kw'ibintu.
(b) Kwiyegamiza umuntu ukomeye kugira ngo utarengana, utagwa mu bintu utarimo.
(c) Kwegeranya ingabo kandi begeranya umubare ukwiye.
(d) Itegeko ryabaga ritanzwe n'umwami.
(e) Gucira umuntu urubanza rwo gupfa.
(f) Gutangira kurwana bikomeye.
(g) Gukotana, gukubana.
(h) Biratinda cyane, bimara umwanya munini.
(i) Guta muri yombi, kumushyikira mu maboko yabo ku buryo atabacika.
(j) Ikintu kijijisha, gihuma mu bwenge.

(k) Guhakanira umuntu wivuye inyuma.

(l) Umuntu usuzuguritse abandi bakoza icyo bashaka.

## C. IMBUSANE

10) **Andika imbusane z'aya magambo aciyeho akarongo.** **(amanota 4)**

(a) Bushungwe yari yarigometse.
(b) Bene wabo wa Bushungwe baramushwishuriza.
(c) Muri uwo mudendezo Bushungwe yababazwaga n'ibintu byajyaga ibwami.
(d) Yabaga akoze icyaha kititwarirwa.

## D. INGWIZANYITO

11) Garagaza inyito eshatu (3) zitandukanye z'inshinga "gusoma" wifashishije interuro ngufi imwe kuri buri nyito. **(amanota 3)**

## IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (AMANOTA 45)

12) **Andika ubwoko bw'amagambo akurikira aciyeho akarongo.** **(amanota 9)**

(a) Nyiramavugo ati:« Aho kumwica reka nge kumuca amatwi.»

(b) Bene wabo wa Bushungwe babyitwayemo neza.

(c) Abo bagabo bagiye bafite ubwoba.

(d) Imyandiko myinshi tuyisanga mu bitabo byanditswe n'ibiro nteganyanyigisho.

13) **Garagaza uturemajambo tw'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.** **(amanota 14)**

(a) Bushungwe amaze kubona ibyo bibaye arishima.

(b) Bene wabo wa Bushungwe babyumvise baryanirana inzara.

(c) Amakoro yajyanwaga ibwami yagarukiraga mu nzira.

14) **Andika ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 4)**

(a) Ukuri guca mu ziko ntigushye.

(b) Abenshi banze kumva imigambi ye.

(c) Aratangara ati : « Uyu ni we Bushungwe!»

15) **Andika inteko ku mazina n'ibinyazina, na ngenga ku nshinga.** **(amanota 5)**

(a) Bamaze kumva iteka ry'uko mwene wabo atanzwe barataha.

inteko 15 — ngenga 2 bwinshi

(b) Banza uze hano nkubwire.

ngenga 1 bumwe

(c) Imfizi ya Gatare yabigendeyemo.

inteko 9 — ngenga 3 bumwe

16) **Andika imimaro y'amagambo aciyeho akarongo muri izi nteruro:** **(amanota 3)**

(a) Umugore we abyumvise ati: «Iryavuzwe riratashye! »

(b) Umunyeshuri mwiza yubahiriza igihe.

## UBUTINDE BW'IMIGEMO N'IMITERERE Y'AMASAKU

17) (a) **Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'amagambo n'imiterere y'amasaku.** **(amanota 5)**

(i) Amakoro (amabuye aturuka mu birunga)

≠ .................... (ayo batangaga ibwami)

(ii) Umwishywa (umwana wa mushiki wawe)

≠ .................... (icyatsi kirandaranda)

(iii) Impinga (y'umupfumu)

≠ ................................ (y'umusozi)

(iv) Kubara (imibare )

≠ ....................................(inkuru)

(v) Gucanira (kumurikira)

≠ ................................ (inkono iri ku ziko)

(b) **Garagaza ubutinde n'amasaku ku magambo agize interuro ikurikira.** **(amanota 5)**

Abantu benshi b'amacuti ye baza kumubwira ko ibintu bimumereye nabi ibwami.

## IGICE CYA GATATU: IMYANDIKIRE Y'URURIMI (AMANOTA 8)

18) Ni hehe mu myandikire y'Ikinyarwanda hemerewe gukoresha akuguruzo n'akugarizo («...») kamwe? Tanga urugero rw'interuro ngufi rubigaragaza. **(amanota 2)**

19) Andika ahantu hatatu mu Kinyarwanda inyajwi zandikwa zikurikiranye urugero kuri buri hantu. **(amanota 6)**

## IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (AMANOTA 15)

20) Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko zikurikira uyiramburemo umwandiko w'imirongo makumyabiri n'itanu (25) n'amagambo atari munsi ya magana abiri (200) yose hamwe.

(a) Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko.

(b) Muri iyi myaka umaze mu kiciro rusange, andika ku masomo abiri washimye n'impamvu ziyagukundisha n'andi abiri utashamadukiye n'impamvu zabyo.